# IJAMBO RYA MUSENYERI ANTONI KAMBANDA, ARKIYEPISKOPI WA KIGALI, MU MUHANGO WO GUTAHA NO GUHA UMUGISHA KILIZIYA NSHYA YA PARUWASI GIKONDO

Excellence Monseigneur le Nonce Apostolique ;

Basaserdoti ;

Nyakubahwa Padiri Mukuru w'abaPallottini ;

Nyakubahwa Umukuru w'Abiyeguriye Imana, ASUMA ;

Basaserdoti mwese, Biyeguriye Imana ;

Banyakubahwa bo mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta ;

Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo y'Uburengenzira bwa Muntu ;

Nyakubahwa Kangwagye, intumwa ya RGB ;

Bakristu mwese, Nshuti ;

Kristu Yezu akuzwe!

Ndagira ngo mumfashe tubanze twifurize umunsi mukuru w'impurirane, Umunsi Mukuru wa Mutagatifu Visenti Pallotti, Umunsi Mukuru w'Aba Pallottini, kandi n'imbuto z'aba Pallottini, zirimo n'iyi paruwasi.

Umunsi Mukuru mwiza kuri mwese Bakristu ba Paruwasi ya Gikondo.

**Muri iki gihe, mu gihe umujyi wa Kigali ugenda wubakwa** ; aho dutaha hakarushaho kuba heza, mu mazu, aho dukorera hakarushaho kuba heza, aho twakirira abashyitsi bacu tukagenda turushaho kuhatunganya, n'inzira zihagana ; ku bantu bakunda Imana, bahita bumva ko **n'ingoro y'Imana igomba kuba iberanye n'umujyi.** Ingoro y'Imana ntibe ari yo isigara inyuma, ngo dutahe heza, dukorere heza, hanyuma nitujya gusenga dusengere ahadatunganye. Nagira ngo rero Bakristu ba Gikondo mbashimire kuri iki gikorwa, impamvu y'ibyishimo biduhurije hano uyu munsi.

Biryoha bisubiwemo, nanjye nagira ngo nshimire cyane Padiri Mukuru n'abapadiri b'Abapalotini bafatanya. Iki ni igikorwa gikomeye abana bacu n'abuzukuru n'abuzukuruza bazajya babona bavuge bati: "abakurambere bacu bakundaga Imana. Abakurambere bacu bari bafite ukwemera."

Ibi ni ibintu tubona mu mateka ya Kiliziya, cyane cyane muri biriya bihe, Kiliziya yagiye inyura mu byiciro binyuranye, ariko ibihe by'imyaka twita "médiévales", mu binyejana bya 15, cyane cyane, aho abantu b'abahanga bose ubuhanga bwabo baharaniraga kubutura Imana bakora ibikorwa by'indashyikirwa, babikorera Imana. Ni muri icyo gihe dufite abubatsi bakomeye bubatse za kiliziya zikomeye n'ubungubu abantu bagitangarira zimaze imyaka 500, abantu bava imihanda yose bakajya kuzireba, zirimo BaZilika ya Mutagatifu Petero i Roma n'izindi.

Nicyo gihe abahanga bashushanya b'indashyikirwa mu mateka, nka Michel Ange, bavugaga bati: "Ngiye gukora igihangano nzasiga, nshyiremo ubuhanga bwanjye, ngiture Imana."

Icyo gihe abahanzi, abaririmbyi, bahangaga indirimbo n'ubungubu tukiririmba, za "grégoriennes" n'izindi.

Mu mujyi ugasanga inyubako iri mu mujyi hagati, inyubako nkuru, ni Kiliziya, ingoro y'Imana.Ibi ni ibintu byaranze ukwemera kw'igihe cyabo. **Natwe rero bavandimwe, iki ni ikimenyetso cy'ukwemera, ni imbaraga z'ukwemera, nagira ngo mbashimire.**

Mutagatifu Yakobo aravuga ati: "Ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye". Ukwemera kutagira ibikorwa ntabwo kuba kuriho. Ukwemera kurangwa n'ibikorwa. Ubwitange nk'ubungubu bugaragaza urukundo rukomeye ngira ngo mbashimire mwese buri umwe ku ruhare yagize. Uko umuntu afite ukwemera gukomeye, ni nako yitanga. Ni nako agira imbaraga. **Ukwemera niyo moteri idushoboresha ibyo dukora byose.**

Abantu bakarushanwa mu kwitanga kubera uko ukwemera kwabo kungana. **Akaba rero natwe ari ibikorwa tuzasiga, abuzukuru bacu n'abuzukuruza bazajya baboneraho igipimo cy'ukwemera kwacu.** Kiliziya nk'iyingiyi ihagarariye Kiliziya nzima yubakwa na kwa kwemera.

Mu isengesho mwumvise ryo kwegurira Imana iyi ngoro, twibutsa ko ari twebwe Kiliziya nzima nk'uko na Nyiricyubahiro Intumwa ya Papa mu Rwanda yabivuze, **ni twebwe bakristu,ni twebwe matafari mazima.**

Uko umufundi yubaka, agafata itafari akaribumba, kugira ngo rishobore kuringanira n'andi matafari, byuzuzanye, biringanire, bizamure urukuta, ni nako ijambo ry'Imana, amasakramentu, agenda adufasha kugira ngo tube amatafari mazima abereye ingoro y'Imana nzima.

Uko umufundi afata ibuye akariconga, kugeza igihe rishobora kuringanira rikabangikana n'andi mabuye, kugira ngo yubake urukuta rukomeye, ninako natwe **iyogezabutumwa rigenda rifasha umuntu kuringanira, ashobora kubangikana n'abandi kugira ngo bubake urukuta ruzima rwa Kiliziya**. Iyo umaze kwegeranya amatafari n'amabuye, ntabwo bihagije kuyagerekeranya n'iyo aconze neza. Iyo uyagerekeranyije gusa nk'ikirundo cyayo gisa n'urukuta, iyo uyegamiye, rwa rukuta ruragwa. Kugira ngo ya matafari umufundi yaringanije neza, ya mabuye yaconze neza, ashobore kujya hamwe akore urukuta rukomeye, bisaba isima.

Isima y'amabuye mazima ihuza ya mabuye agakora urukuta rukomeye, ihuza ya matafari agakora urukuta rukomeye, ushobora kwegamira ntirugwe, dushobora kwicaramo nk'ukunguku, tukaba dufite umutekano, twizeye ko nta rukuta ruri bugwe, **ni isima, ari rwo rukundo ruhuza amabuye mazima, abakristu, kugira ngo bareme umuryango w'Imana**.

Nyakubahwa Kangwagye hari ikintu yakomojeho, avuga ati:"Hari ahandi za Kiliziya zitezwa cyamunara, zigurishwa zigakoreshwa ibindi". Ibyo ntabwo ari inyubako gusa, n'ukwemera kwaguye, bihera kuri Kiliziya nzima, iyo Kiliziya nzima itakiriho,iyo ya matafarai mazima agizwe n'ukwemera atagihari, bituma na ya nyubako ihagarariye Kiliziya nzima ntacyo iba igihagarariye. Ari byo usanga bibabaje ko ibyari inyubako nziza abakurambere bakoze kubera ukwemera n'urukundo bari bafitiye Imana usanga rutacyumvikana hari ibindi bishyizwe imbere.

Ibi nkaba rero nshimira abasaserdoti, abiyeguriye Imana, namwe mwese balayiki dufatanya mu iyogezabutumwa, igikorwa nk'ikingiki giherekezwa no kwita kuri za ngo z'abakristu, kuri rwa rubyiruko mu iyogezabutumwa, kuri ya masakramentu atangwa, kuri ya miryango remezo, niko tugenda twubaka Kiliziya nzima, dukesha no kuba dushobora kubaka Kiliziya nk'iyingiyi, kandi

n’izindi, kuko uko umujyi wa Kigali ugenda ukura, n’u Rwanda uko rugenda rutera imbere, dukeneye ko no mu kwemera umuryango w’Imana ugenda urushaho nawo gukura.

Ahasigaye rero ndongera kubashimira uko mwateguye uyu munsi, nishimiye kwizihiza hamwe namwe n’aba Pallottins n’aba Pallottines, n’abagize Urugaga rwa Mutagatifu Visenti Pallotti, ko uyu munsi utazibagirana, kuko mwadufashije no kuwizihiza neza.

Mukomeze mugire umugisha w’Imana.

Murakoze .